**REPUBLIC OF RWANDA**

**MINISTRY OF FINANCE AND ECONOMIC PLANNING**
**P.O. Box 158 Kigali**
**Tel: +250 252 575756 Fax: +250 252 577581**
**E-mail:** mfin@minecofin.gov.rw

# ITANGAZO

Ashingiye ku cyemezo cy'Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 14 Ukuboza 2021 kijyanye n'umusoro ku butaka, Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi aramenyesha abafite ubutaka busorerwa ibi bikurikira:

1. Umusoro ku butaka w'umwaka wa 2021 uzishyurwa hagendewe ku bipimo byakoreshejwe mu kwishyura umusoro w'umwaka ushize wa 2020.
2. Itariki ntaregwa yo kwishyura umusoro w'ubutaka w'umwaka wa 2021 yari iteganyijwe kuwa 31 ukuboza 2021 yigijwe inyuma ikazagera ku wa 31 Mutarama 2022.
3. Ibipimo bishya by'umusoro ku butaka bizatangazwa mu 2022 bizashingirweho mu kwishyura umusoro w 'umwaka wa 2022 uteganyijwe mu Kuboza 2022.
4. Nkuko byari byatangajwe umwaka ushize, abishyuye umusoro w'ubutaka wa 2020 urenze uwasabwaga bazishyura umusoro w'uyu mwaka wa 2021 bahereye ku mafaranga y'ikirega bishyuye ku musoro w'umwaka wa 2020. Ibi bizabarwa mu gihe cyo kumenyekanisha umusoro wa 2021.

**Bikorewe i Kigali, ku wa 15 Ukuboza 2021**

**Dr. Uzziel NDAGIJIMANA**
**Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi**